

## **UMURYANGO W'ABIBUMYE**

---

MICT/1/Thindurwa rya 1



Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha  
Mpuzamahanga

25 Mata 2016

Umwimerere:  
Icyongereza

---

---

### **IBYAHINDUWE MU MATEGEKO AGENGA IMIBURANISHIRIZE N'ITANGWA RY'IBIMENYETSO**

---

***INYANDIKO ITARI IBANGA***

Hashingiwe ku Ngingo ya 13 ya Sitati no ku Ngingo ya 6 y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso y'Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga, Ingingo ya 24 y'Amategeko irahinduwe.

Hashingiwe ku Ngingo ya 13(3) ya Sitati no ku Ngingo ya 6(B) y'Amategeko, ibihinduwe bitangira gukurikizwa kuva byemejwe n'Abacamanza ku itariki ya 18 Mata 2016, kandi bishyizwe ahagaragara muri iyi nyandiko.

Iyi Ngingo yose yahinduwe iri mu Mugereka wometse kuri iyi nyandiko.

John Hocking  
Gerefkiye

Bikozwe kuri iyi tariki ya 25 Mata 2016  
I La Haye,  
Ubuholandi.

# **UMUGEREKA**

## **Ingingo ya 24**

### **Isimburwa rya Perezida**

- A. Iyo Perezida atakiri mu mirimo ye cyangwa agize impamvu zimubuza gukora imirimo agenewe, asimburwa n'umucamanza uba uri ku izamu Arusha, kugeza igihe Umunyamabanga Mukuru ashiriyeho Perezida mushya.
- B. Iyo impamvu zibuza Perezida gukora imirimo ye ari iz'igihe gito, iyo mirimo ikorwa n'umucamanza uba uri ku izamu Arusha.
- C. Iyo Perezida afite impamvu zimubuza kuyobora Urugereko rw'Ubujurire, abacamanza barugize bitoramo Perezida.